**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2020, umunsi wa cumi na karindwi w'ukwezi kw'Ukuboza;

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **MUHAYIMANA Bernardin** Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **Nyirankundabakize Epipahanie,** mwene Nzabakira na Nyirankuriza wavutse kuwa...... ubarizwa mu Mudugudu wa ....... Akagari ka......, Umurenge wa Rusahashi, Akarere Gakenke Intara y' Amajyaruguru.

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa **n° RP 00931/2019/TGI/NGOMA** bukurikiranyeho **NYIRANKUNDABAKIZE Epiphanie** Ubufatanyacyaha mu byaha birimo Guhimba, guhindura inyandiko,cyangwa gukoresha inyandiko mpimbano, Kugurisha ikintu cy'undi cyangwa kugitangaho ingwate no Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya, ibyaha biteganywa kandi bihanishwa ingingo za 276, 177, na iya 174 z'Itegeko no 68/2018, ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;bikaza kugaragara ko atigeze abazwa na rimwe mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha na nyuma yaho ahamagarijwe ahatazwi mu gihe cya bugufi nabwo ntaboneke;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse **NYIRANKUNDABAKIZE Epipahanie** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa **20/01/2021** saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

| | |
|---|---|
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **MUSABYIMANA Claudine** | **MUHAYIMANA Bernardin** |